Umugabo umwe yatawaje ariko ku kirenge cye asigaza ahantu hangana n'urwara hatageze amazi, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubona iramubwira iti: "Subirayo wongere utawaze neza", nuko asubirayo arongera aratawaza hanyuma araza arasali

Hadith yaturutse kwa Djabir (Imana imwishimire) yaravuze ati: Umar Ibun Al Khatwab yambwiye ko: Umugabo umwe yatawaje ariko ku kirenge cye asigaza ahantu hangana n'urwara hatageze amazi, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubona iramubwira iti: "Subirayo wongere utawaze neza", nuko asubirayo arongera aratawaza hanyuma araza arasali.

[Hadithi y'impamo ushingiye ku bandi bayakiriye] [Yakiriwe na Muslim]

Umar (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabonye umugabo umwe wari umaze gutawaza, ibona ahangana n'urwara ku kirenge cye hatageze amazi, Nuko imubwira imwereka aho hatageze amazi iti: Subirayo wongere utawaze neza, ubitunganye neza, na buri rugingo urutawaze neza. Nuko wa mugabo asubirayo atawaza neza, aragaruka arasali.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/8386